<u>Ingingo ya 11:</u> Ububiko bw'ibendera ry'Igihugu ryagaragayeho inenge	<u>Article 11:</u> Place for keeping the National Flag characterized by defects	<u>Article 11:</u> Lieu de la conservation du Drapeau National défectueux
<u>Ingingo ya 12:</u> Ikiguzi cy'Ibendera ry'Igihugu	<u>Article 12:</u> Cost of the National Flag	<u>Article 12:</u> Prix du Drapeau National
UMUTWE WA VII: IBIHANO	CHAPTER VII: PENALTIES	CHAPITRE VII : PEINES
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibihano ku muntu utubahiriza Ibendera ry'Igihugu	<u>Article 13:</u> Penalties to a person failing to respect the National Flag	<u>Article 13:</u> Peines pour une personne ne respectant pas le Drapeau National
<u>Ingingo ya 14:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	<u>Article 14:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 14:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 15:</u> Ivanywaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 15:</u> Repealing provision	<u>Article 15:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 16:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 16:</u> Commencement	<u>Article 16:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° 10 of 11 March 2013

ITEGEKO N° 06/2013 RYO KUWA 27/02/2013 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 34/2008 RYO KUWA 08/08/2008 RIGENA IMITERERE, IBISOBANURO, IMIKORESHEREZE N'IYUBAHIRIZWA BY'IBENDERA RY'IGIHUGU

Twebwe , KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 19 Ugushyingo 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 6, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94 iya 108, iya 113, iya 118 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko ngenga n° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko ahana cyane cyane mu ngingo zacyo iya 532, iya

LAW N° 06/2013 OF 27/02/2013 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 34/2008 OF 08/08/2008 ON CHARACTERISTICS, DESCRIPTION, CEREMONIAL AND RESPECT OF THE NATIONAL FLAG

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 19 November 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 6, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 113, 118 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the Penal Code especially in Articles 532, 533 and 534;

LOI N° 06/2013 DU 27/02/2013 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 34/2008 DU 08/08/2008 PORTANT CARACTERISTIQUES DESCRIPTION, CEREMONIAL ET RESPECT DU DRAPEAU NATIONAL

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 19 novembre 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 6, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 113, 118 et 201;

Vu la Loi Organique n°01/2012/OL du 02/05/2012 portant Code Pénal spécialement en ses articles 532, 533 et 534 ;

533 n'ya 534;

Isubiye ku itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'ibendera ry'Igihugu cyane mu ngingo zaryo iya 3, iya 4, iya 7, iya 8, iya 9, iya 10, iya 13, iya 14, iya 20, iya 23, iya 25 n'ya 31;

Having reviewed Law n° 34/2008 of 08/08/2008 determining the characteristics, description, ceremonial and respect of the national flag, especially in Articles 3, 4, 7, 8, 9, 10, 13, 14, 20, 23, 25 and 31 ;

Revu la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National, spécialement en ses articles 3, 4, 7, 8, 9, 10, 13, 14, 20, 23, 25 et 31 ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ:

Ingingo ya mbere: Ibisobanuro by'amagambo

Article One: Definition of terms

Article premier: Définition des termes

Itegeko n° 34/2008 ryo kuwa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu, ryongewemo ingingo ya mbere bis iteye ku buryo bukurikira:

Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag, is complemented by Article One bis worded as follows:

La Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est complétée par l'article premier bis libellé comme suit:

“Ingingo ya mbere bis: Ibisobanuro by'amagambo

“Article One bis: Definition of terms

“Article premier bis: Définition des termes

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa mu buryo bukurikira:

For the purpose of this Law, the following terms shall mean:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **inzu y'ubutegetsi:** inyubako yose ikorerwamo imirimo ya Leta yaba iri mu mutungo wa Leta cyangwa itari mu mutungo wayo;

1° **administrative building:** any building that is publicly or privately owned in which public services are delivered;

1° **bâtiment administratif:** tout bâtiment relevant de la propriété publique ou privée dans lequel les services publics sont prestés;

2° **isanduku:** ikintu cyose gishobora gushyirwamo umurambo ugiye gushyingurwa hatitawe ku byo gikozemo;

2° **coffin:** anything which may be used in the containment of a dead body for burial irrespective of the material of which it is

2° **cercueil:** tout objet dans lequel on peut placer un cadavre à ensevelir quelle que soit la matière dans laquelle il est

	made;	fabriqué;
3° umuyobozi: umuntu wese uhagarariye urwego rwa Leta, yaba yaratowe cyangwa yarashyizweho n'inzego zibifitiye ububasha”.	3° official: any person representing a public entity, whether elected or appointed by competent organs.”	3° autorité: toute personne représentant une entité publique qu'elle soit élue ou nommée par les organes compétents ».
<u>Ingingo ya 2:</u> Ibyo Ibendera ry'Igihugu rikozwemo	<u>Article 2:</u> Material in which the National Flag is made	<u>Article 2:</u> Matière dans laquelle le Drapeau National est fabriqué
Ingingo ya 3 y'Itegeko n° 34/2008 ryo kuwa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:	Article 3 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag is modified and complemented as follows:	L'article 3 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :
“Ibendera ry'Igihugu rikozwe mu mwenda. Iteka rya Minisitiri ufite uburinzi bw'Ibendera ry'Igihugu mu nshingano ze, rishobora kugena ibindi byakorwamo Ibendera ry'Igihugu. »	“The National Flag is made of a fabric. An Order of the Minister responsible for the protection of the National Flag may determine other material of which the National Flag may be made. »	“Le Drapeau National est fabriqué dans un tissu. Un arrêté du Ministre ayant la garde du Drapeau National dans ses attributions détermine un autre type de matière dans laquelle le Drapeau National peut être fabriqué. »
<u>Ingingo ya 3:</u> Uburyo butandukanye Ibendera ry'Igihugu rikozwemo	<u>Article 3:</u> Different designs of the National Flag	<u>Article 3:</u> Différents modèles du Drapeau National
Ingingo ya 4 y'Itegeko n° 34/2008 ryo kuwa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:	Article 4 of law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag is modified and complemented as follows:	L'article 4 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :
“Ibendera rya Repubulika y'u Rwanda rikorwa mu buryo butandukanye bukurikira:	“The Flag of the Republic of Rwanda is designed in different ways as follows:	“Le Drapeau de la République du Rwanda est fabriqué d'après les différents modèles suivants :
1° Ibendera ry'igihugu rinini;	1° a large National Flag;	1° le grand Drapeau National;

Official Gazette n° 10 of 11 March 2013

2° Ibendera ry'igihugu ritoya;

Ingero za buri bendera zigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite uburuzi bw'Ibendera ry'Igihugu mu nshingano ze;

Buri bendera rikorwa hakoreshejwe uburyo bugaragara ku mugereka w'iri tegeko. »

Ingingo ya 4: Uburenganzira bwo gutunga ibendera ry'Igihugu

Ingingo ya 7 y'Itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Ibendera ry'Igihugu ni umutungo wa Leta.

Umuntu wese, yaba Umunyarwanda cyangwa Umunyamahanga, imiryango itari iya Leta ifite ubuzima gatozi, amasosiyete n'amakoperative bifite ubuzima gatozi byemerewe gutunga no gukoresha Ibendera ry'Igihugu bubahiriza ibitegeko.

Umuntu wese uteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo yemerewe kandi gukora, gutunga no gukoresha ibisa n'Ibendera ry'Igihugu mu buryo budatesha agaciro Ibendera ry'Igihugu. »

2° a small National Flag;

The size of each type of flag is determined by an Order of the Minister responsible the protection of the National Flag.

Each Flag shall be made in the manner provided for in the appendix to this law. »

Article 4: Right to have the National Flag

Article 7 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag is modified and complemented as follows:

“The National Flag is a Government property.

Any natural person, whether a Rwandan or foreigner, non-government organizations, companies and cooperatives having legal personality, shall have the right to possess and use the National Flag in compliance with laws.

Any person provided under paragraph 2 of this Article shall be allowed to make, possess and use any items resembling the National Flag in a manner that does not desecrate the National Flag. »

2° le petit Drapeau National ;

Les dimensions de chaque modèle sont déterminées par Arrêté du Ministre ayant la garde du Drapeau National dans ses attributions.

Chaque drapeau est fabriqué de la manière indiquée en l'annexe à la présente loi. »

Article 4: Droit de possession du Drapeau National

L'article 7 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :

“Le Drapeau National est la propriété de l'Etat.

Toute personne physique, qu'elle soit rwandaise ou étrangère, les organisations non-gouvernementales, les sociétés et coopératives dotées de la personnalité juridique ont le droit de posséder et d'utiliser le Drapeau National dans le respect des lois.

Toute personne visée à l'alinéa 2 du présent article a le droit de fabriquer, posséder et utiliser tout objet similaire au Drapeau National d'une manière qui ne profane pas le Drapeau National.»

Ingingo ya 5: Imikoreshereze y'Ibendera ry'Igihugu rinini

Ingingo ya 8 y'Itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Ibendera ry'Igihugu rinini rizamurwa imbere y'inzu z'ubutegetsi n'ahantu hagenwe gukorera imihango y'Igihugu n'inzego zibifitiye ububasha cyangwa ahandi hateganywa n'amategeko.

Icyo rizamuyeho kigaragara mu ruhande ruteganywe n'aho izuba rishushanyije.

Ibendera ry'Igihugu rinini rishyirwa kandi mu biro by'abayobozi mu nzego za Leta hubahirizwa amabwiriza ya Minisitiri ufite uburinzi bw'Ibendera ry'Igihugu mu nshingano ze.

Iteka rya Minisitiri ufite uburinzi bw'Ibendera ry'Igihugu mu nshingano ze rigena imikoreshereze y'Ibendera ry'Igihugu rinini ku wundi muntu wese uteganywa mu ngingo ya 7 y'iri tegeko. »

Ingingo ya 6: Imikoreshereze y'Ibendera ry'Igihugu ritoya

Ingingo ya 9 y'Itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro,

Article 5: Use of the large National Flag

Article 8 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag is modified and complemented as follows:

“The large National Flag shall be hoisted on administrative buildings and other places designed for official events by competent authorities or any other place provided for by the laws.

The mast on which the Flag is hoisted must appear on the side parallel to the side bearing the symbol of the sun.

The large National Flag is also displayed in the office of Government authorities in respect of the directives of the Minister responsible for the protection of the National Flag.

An Order of the Minister in charge of the protection of the National Flag shall determine the use of the large National Flag by any other person provided under Article 7 of this Law. »

Article 6: Use of the small National Flag

Article 9 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect

Article 5: Utilisation du grand Drapeau National

L'article 8 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :

“Le grand Drapeau National doit être hissé devant les bâtiments administratifs et tout autre endroit désigné pour les cérémonies officielles par les autorités compétentes ou tout autre endroit prévu par les lois.

Le mât sur lequel le drapeau est hissé apparaît du côté parallèle à la partie portant le motif en soleil.

Le grand Drapeau National est aussi arboré dans les bureaux des autorités publiques dans le respect des directives du Ministre ayant la garde du Drapeau National dans ses attributions.

Un Arrêté du Ministre ayant la garde du Drapeau National dans ses attributions détermine l'utilisation du grand Drapeau National par toute autre personne visée à l'article 7 de la présente loi. »

Article 6: Utilisation du petit Drapeau National

L'article 9 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial

Official Gazette n° 10 of 11 March 2013

imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Umuyobozi mu nzego za Leta yemerewe gushyira ku biro bye Ibendera ry'Igihugu ritoya.

Umukuru w'Igihugu, Intumwa yihariye mu mahanga ihagarariye Umukuru w'Igihugu, Ambasaderi w'u Rwanda, Konsili w'u Rwanda mu gihugu kitarimo Ambasade y'u Rwanda mu gihe ari mu mirimo y'ubukonsili mu bihugu by'amahanga, bashyira Ibendera ry'Igihugu ritoya ku modoka zibatwaye.

Iteka rya Minisitiri ufite uburinzi bw'Ibendera mu nshingano ze rigena imikoreshereze y'Ibendera ry'Igihugu ritoya ku wundi muntu wese uteganywa mu ngingo ya 7 y'iri tegeko. »

Ingingo ya 7: Impamvu zituma Ibendera ry'Igihugu ryururutswe

Ingingo ya 10 y'itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Ibendera ry'Igihugu ntiryururutswe keretse iyo:

- 1° ricitse;
- 2° rishaje;
- 3° ryanduye;

of the National Flag is modified and complemented as follows:

“A Government authority is entitled to display the small National Flag on his/her desk.

The Head of State, a Special Envoy representing the Head of State abroad, an Ambassador of Rwanda, a Consul of Rwanda in a country where Rwanda has no embassy when discharging his/her duties as a consul shall display the small National Flag on their vehicles.

An Order of the Minister responsible for the protection of the National Flag shall determine the use of the small National Flag by any other person provided under Article 7 of this Law. »

Article 7: Circumstances for lowering the National Flag

Article 10 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag is modified and complemented as follows:

“The National Flag shall not be lowered unless:

- 1° it is torn;
- 2° it becomes worn-out;
- 3° it is dirty;

et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :

“Une autorité publique est autorisée à arborer le petit Drapeau National sur son bureau.

Sont habilités à arborer le petit Drapeau National sur leurs véhicules, le Chef d'Etat, l'envoyé spécial représentant le Chef d'Etat à l'étranger, l'Ambassadeur du Rwanda, le Consul du Rwanda dans un pays où le Rwanda n'a pas d'ambassade lorsqu'il exerce les fonctions de Consul.

Un Arrêté du Ministre ayant la garde du Drapeau National dans ses attributions détermine l'utilisation du petit Drapeau National par toute autre personne visée à l'article 7 de la présente loi. »

Article 7: Circonstances pour descendre le Drapeau National

L'article 10 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :

“Le Drapeau National est toujours hissé. Il ne peut être redescendu que lorsque :

- 1° il est déchiré ;
- 2° il est usé ;
- 3° il est souillé;

Official Gazette n° 10 of 11 March 2013

- 4° ricuyutse;
5° imihango ryakoreshejwemo irangiye. »

- 4° it loses its texture color;
5° when functions in which it was used come to an end. »

- 4° les couleurs sont altérées;
5° les cérémonies dans lesquelles il était utilisé touchent à leur fin. »

Ingingo ya 8: Kurahirira imbere y'ibendera ry'Igihugu

Ingingo ya 13 y'Itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Umuntu wese urahira imbere y'Ibendera ry'Igihugu arahira arifatishije ikiganza cy'ibumoso azamuye ukuboko kw'iburyo akarambura ikiganza hejuru.

Umuntu ufite ubumuga usabwa kurahira adashobora kubahiriza ibiteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo, araryambikwa.»

Ingingo ya 9: Imikoreshereze y'Ibendera ry'Igihugu igihe cy'imihango y'ishyingura

Ingingo ya 14 y'Itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Mu ishyingura, Ibendera ry'Igihugu rinini rishobora gukoreshwa mu gutwikira isanduku irimo

Article 8: Taking oath of office before the National Flag

Article 13 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on the characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag is modified and complemented as follows:

“Any person taking the oath of office before the National Flag holds the National Flag with his/her left hand and raises the right hand.

In case a person with disability obliged to take oath of office before the National Flag cannot comply with the provisions of paragraph One of this Article, he/she shall be caused to wear it. »

Article 9: Use of the National Flag at burial ceremonies

Article 14 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag is modified and complemented as follows:

“At burial ceremonies, the large National Flag may be used to cover the coffin containing the dead

Article 8: Prestation de serment devant le Drapeau National

L'article 13 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :

“Toute personne prêtant serment devant le Drapeau National prend par sa main gauche le Drapeau national et lève sa main droite.

Au cas où une personne devant prêter serment devant le Drapeau National a un handicap et ne peut pas se conformer aux dispositions de l'alinéa premier du présent article, on le lui fait porter. »

Article 9: Utilisation du Drapeau National dans les cérémonies funéraires

L'article 14 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :

“Au cours des cérémonies funéraires, le grand Drapeau National peut être utilisé pour couvrir le

Official Gazette n° 10 of 11 March 2013

umurambo.

Icyo gihe Ibendera ry'Igihugu rigomba kugerekwa hejuru y'isanduku ridakora ku butaka kandi nti hagire ikintu kigerekwa hejuru yaryo.

Mu gihe cyo kururutsa umurambo mu mva Ibendera ry'Igihugu rikurwaho.

Iteka rya Perezida rigena urutonde rw'abarebwa n'iyi ngingo."

Ingingo ya 10: Uburinzi bw'Ibendera ry'Igihugu

Ingingo ya 20 y'Itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

"Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena Minisitiri ifite uburinzi bw'Ibendera ry'Igihugu mu nshingano zayo. Iyi Minisitiri niyo itanga uburenganzira bwo kurikora. »

Ingingo ya 11: Ububiko bw'ibendera ry'Igihugu ryagaragayeho inenge

Ingingo ya 23 y'Itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n'iyubahirizwa by'Ibendera ry'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

body.

In that case the National Flag must cover the coffin and should not touch the ground and nothing else should be put on top of it.

The National Flag shall be removed when lowering the dead body into the tomb.

A Presidential Order shall determine the list of persons concerned by this Article."

Article 10: Protection of the National Flag

Article 20 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag is modified and complemented as follows:

"An Order of the Prime Minister shall determine the Ministry responsible for the protection of the National Flag. Such Ministry shall grant the authorization for its making. »

Article 11: Place for keeping the National Flag characterized by defects

Article 23 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the national flag is modified and complemented as follows:

cercueil contenant le cadavre.

Dans ce cas, le Drapeau National doit couvrir le cercueil et ne doit pas toucher le sol et rien d'autre ne doit être posé au-dessus.

Lorsqu'on descend le cadavre dans le tombeau, le Drapeau National est enlevé.

Un Arrêté Présidentiel détermine la liste des personnes concernées par le présent article. »

Article 10: Garde du Drapeau National

L'article 20 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :

"Un Arrêté du Premier Ministre détermine le Ministère ayant la garde du Drapeau National dans ses attributions. Ledit Ministère est habilité à donner l'autorisation pour sa confection. »

Article 11: Lieu de la conservation du Drapeau National défectueux

L'article 23 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :

“Ibendera ry’Igihugu ryose rigaragayeho imwe mu nenge zivugwa mu ngingo ya 22 y’iri tegeko rishyingurwa hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri ufite uburinzi bw’ibendera ry’Igihugu mu nshingano ze.”

Ingingo ya 12: Ikiguzi cy’Ibendera ry’Igihugu

Ingingo ya 25 y’Itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n’iyubahirizwa by’Ibendera ry’Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Ikiguzi cy’Ibendera ry’Igihugu gishyirwaho n’iteka rya Minisitiri ufite uburinzi bw’Ibendera ry’Igihugu mu nshingano ze.”

UMUTWE WA VII: IBIHANO

Ingingo ya 13: Ibihano ku muntu utubahiriza Ibendera ry’Igihugu

Ingingo ya 31 y’Itegeko n° 34/2008 ryo ku wa 08/08/2008 rigena imiterere, ibisobanuro, imikoreshereze n’iyubahirizwa by’Ibendera ry’Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Umuntu wese utubahiriza Ibendera ry’Igihugu n’imikoreshereze yaryo ahanwa hakurikijwe amategeko ahana. »

“Any National Flag characterized by any of the defects provided under Article 22 of this Law is kept in accordance with the instructions of the Minister responsible for the protection of the National Flag.”

Article 12: Cost of the National Flag

Article 25 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag is modified and complemented as follows:

“The cost of the National Flag is set by the Minister responsible for the protection of the National Flag.”

CHAPTER VII: PENALTIES

Article 13: Penalties to a person failing to respect the National Flag

Article 31 of Law n° 34/2008 of 08/08/2008 on characteristics, description, ceremonial and respect of the National Flag is modified and complemented as follows:

“Any person failing to respect the National Flag and its use shall be punished in accordance with the Penal Code. »

“Tout Drapeau National présentant l’un des défauts visés à l’article 22 de la présente loi est gardé conformément aux instructions du Ministre ayant la garde du Drapeau National dans ses attributions.”

Article 12: Prix du Drapeau National

L’article 25 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :

“Le prix du Drapeau National est fixé par Arrêté du Ministre ayant la garde du Drapeau National dans ses attributions. »

CHAPITRE VII : PEINES

Article 13: Peines pour une personne ne respectant pas le Drapeau National

L’article 31 de la Loi n° 34/2008 du 08/08/2008 portant caractéristiques, description, cérémonial et respect du Drapeau National est modifié et complété comme suit :

“Toute personne ne respectant pas le Drapeau National et son usage est punie conformément au Code Pénal. »

Ingingo ya 14: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

Ingingo ya 15: Ivanywaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko

Ingingo zose z’amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 16: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Article 14: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 15: Repealing provision

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

Article 16: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 14: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 15: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente la loi sont abrogées.

Article 16: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 10 of 11 March 2013

Kigali, kuwa 27/02/2013

Kigali, on 27/02/2013

Kigali, le 27/02/2013

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien Premier
Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO N° 07/2013 RYO KUWA 27/02/2013 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 19/2008 RYO KU WA 14/07/2008 RIGENA IMITERERE N'IYUBAHIRIZWA RY'INDIRIMBO Y'IGIHUGU

LAW N° 07/2013 OF 27/02/2013 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 19/2008 OF 14/07/2008 ON CHARACTERISTICS AND CEREMONIES OF THE NATIONAL ANTHEM

LOI N° 07/2013 DU 27/02/2013 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 19/2008 DU 14/07/2008 PORTANT CARACTERISTIQUES ET CEREMONIAL DE L'HYMNE NATIONAL

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Uburyo Indirimbo y'Igihugu yubahirizwa

Article One: Ceremonies of the National Anthem

Article premier: Cérémonial de l'Hymne National

Ingingo ya 2: Uburinzi bw'indirimbo y'Igihugu

Article 2: Preservation of the National Anthem

Article 2: Sauvegarde de l'Hymne National

Ingingo ya 3: Uburyo Indirimbo y'Igihugu iririmba

Article 3: Singing of the National Anthem

Article 3: Exécution de l'hymne national

Ingingo ya 4: Uburenganzira ku ndirimbo y'Igihugu

Article 4: Property of the National Anthem

Article 4: Propriété de l'Hymne National

Ingingo ya 5: Ibihano ku muntu utubahiriza Indirimbo y'Igihugu

Article 5: Penalties to a person failing to respect the National Anthem

Article 5: Peines pour une personne ne respectant pas l'Hymne National

Ingingo ya 6: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 6: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 6: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 7: Repealing provision

Article 7: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 8: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 8: Commencement

Article 8: Entrée en vigueur

Official Gazette n° 10 of 11 March 2013

ITEGEKO N° 07/2013 RYO KUWA 27/02/2013 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 19/2008 RYO KU WA 14/07/2008 RIGENA IMITERERE N'IYUBAHIRIZWA RY'INDIRIMBO Y'IGIHUGU

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo ku wa 19 Ugushyingo 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 62, iya 66, iya 67 iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108, iya 118 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko ngenga n° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko ahana, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 535, iya 536 n'iya 537;

Isubiye ku itegeko n° 19/2008 ryo kuwa

LAW N° 07/2013 OF 27/02/2013 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 19/2008 OF 14/07/2008 ON CHARACTERISTICS AND CEREMONIES OF THE NATIONAL ANTHEM

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 19 November 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 6, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 118 and 201;

Pursuant to the Organic Law n° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the Penal Code, especially in Articles 535, 536 and 537;

Having reviewed Law n° 19/2008 of 14/07/2008

LOI N° 07/2013 DU 27/02/2013 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 19/2008 DU 14/07/2008 PORTANT CARACTERISTIQUES ET CEREMONIAL DE L'HYMNE NATIONAL

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 19 novembre 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 6, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108, 118 et 201;

Vu la Loi Organique n° 01/2012/OL du 02/05/2012 portant Code Pénal, spécialement en ses articles 535, 536 et 537 ;

Revu la Loi n° 19/2008 du 19/07/2008 portant

Official Gazette n° 10 of 11 March 2013

14/07/2008 rigena imiterere n'iyubahirizwa by'Indirimbo y'Igihugu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 5, iya 6 n'iya 7 ;

on characteristics and ceremonies of the National Anthem, especially in Articles 5, 6 and 7;

caractéristiques et cérémonial de l'Hymne National, spécialement en ses article 5, 6 et 7;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

Ingingo ya mbere: Uburyo Indirimbo y'Igihugu yubahirizwa

Article One: Ceremonies of the National Anthem

Article premier: Cérémonial de l'Hymne National

Ingingo ya 5 y'itegeko n° 19/2008 ryo ku wa 14/07/2008 rigena imiterere n'iyubahirizwa by'Indirimbo y'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Article 5 of Law n° 19/2008 of 14/07/2008 on characteristics and ceremonies of the National Anthem is modified and complemented as follows:

L'article 5 de la Loi n° 19/2008 du 14/07/2008 portant caractéristiques et cérémonial de l'Hymne National est modifié et complété comme suit:

“Indirimbo y'Igihugu irimbanwa icyubahiro.”

“Singing the National Anthem requires ceremonial respect.”

« L'Hymne National est chanté avec un respect cérémonial. »

Ingingo ya 2: Uburinzi bw'indirimbo y'Igihugu

Article 2: Preservation of the National Anthem

Article 2: Sauvegarde de l'Hymne National

Itegeko n° 19/2008 ryo kuwa 14/07/2008 rigena imiterere n'iyubahirizwa by'Indirimbo y'Igihugu ryongewemo ingingo ya 5 bis iteye ku buryo bukurikira:

The Law n° 19/2008 of 14/07/2008 on characteristics and ceremonies of National Anthem is complemented by Article 5 bis worded as follows:

La Loi n° 19/2008 du 14/07/2008 portant caractéristiques et cérémonial de l'Hymne National est complétée par l'article 5 bis libellé comme suit :

“Ingingo ya 5 bis: Uburinzi bw'indirimbo y'Igihugu

“Article 5 bis: Preservation of the National Anthem

« Article 5 bis: Sauvegarde de l'Hymne National

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena Minisiteri ifite uburinzi bw'indirimbo y'Igihugu mu nshingano zayo.”

A Prime Minister's Order shall determine the Minister responsible for the preservation of the National Anthem.”

Un Arrêté du Premier Ministre détermine le Ministère ayant la sauvegarde de l'Hymne National dans ses attributions. »

Ingingo ya 3: Uburyo Indirimbo y'Igihugu iririmba

Ingingo ya 6 y'Itegeko n° 19/2008 ryo ku wa 14/07/2008 rigena imiterere n'iyubahirizwa by'Indirimbo y'Igihugu ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

“Indirimbo y'Igihugu iririmba yose. Icyakora hashobora kuririmba igitero cya mbere n'icya nyuma by'iyiyo ndirimbo iyi hari:

- 1° Umukuru w'Igihugu cy'u Rwanda;
- 2° Umukuru w'Igihugu cyangwa uwa Guverinoma bagendereye u Rwanda.

Iteka rya Minisitiri ufite uburinzi bw'Indirimbo y'Igihugu mu nshingano ze rigena ibindi bihe ishobora kuririmwamo igitero cya mbere n'icya nyuma.”

Ingingo ya 4: Uburenganzira ku ndirimbo y'Igihugu

Itegeko n° 19/2008 ryo kuwa 14/07/2008 rigena imiterere n'iyubahirizwa by'Indirimbo y'Igihugu ryongewemo ingingo ya 7 bis iteye ku buryo bukurikira:

“Ingingo ya 7 bis: Uburenganzira ku ndirimbo y'Igihugu

Indirimbo y'Igihugu ni umutungo wa Leta.”

Article 3: Singing of the National Anthem

Article 6 of Law n° 19/2008 of 14/07/2008 on characteristics and ceremonies of National Anthem is modified and complemented as follows:

“The National Anthem shall be sung in its entirety. However, the first and the last stanza may be sung in presence of:

- 1° Head of State of Rwanda;
- 2° Head of State or Government visiting Rwanda.

An Order of the Minister responsible for the preservation of the National Anthem shall determine other circumstances in which the first and the last stanza of the National Anthem may be sung.”

Article 4: Property of the National Anthem

Law n° 19/2008 of 14/07/2008 on characteristics and ceremonies of the National Anthem is complemented by Article 7 bis worded as follows:

“Article 7 bis: Property of the National Anthem

The National Anthem is Government property.”

Article 3: Exécution de l'hymne national

L'article 6 de la Loi n° 19/2008 du 14/07/2008 portant caractéristiques et cérémonial de l'Hymne National est modifié et complété comme suit :

« L'Hymne national est chanté dans son intégralité. Toutefois, seuls le premier et le dernier couplets de l'Hymne national sont chantés en présence de :

- 1° Chef d'Etat du Rwanda ;
- 2° Chef d'Etat ou de Gouvernement en visite au Rwanda.

Un Arrêté du Ministre ayant la sauvegarde de l'Hymne National dans ses attributions détermine d'autres circonstances dans lesquelles seuls le premier et le dernier couplets de l'Hymne National peuvent être chantés. »

Article 4: Propriété de l'Hymne National

La Loi n° 19/2008 du 14/07/2008 portant caractéristiques et cérémonial de l'Hymne National est complétée par l'article 7 bis libellé comme suit :

« Article 7 bis: Propriété de l'Hymne National

L'Hymne National est la propriété de l'Etat. »

Ingingo ya 5: Ibihano ku muntu utubahiriza Indirimbo y'Igihugu

Itegeko n° 19/2008 ryo kuwa 14/07/2008 rigena imiterere n'iyubahirizwa by'Indirimbo y'Igihugu ryongewemo ingingo ya 7 ter iteye ku buryo bukurikira:

« Ingingo ya 7 ter: Ibihano ku muntu utubahiriza Indirimbo y'Igihugu »

Umuntu wese utubahiriza indirimbo y'Igihugu ahanwa hakurikijwe amategeko ahana. »

Ingingo ya 6: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 8: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Article 5: Penalties to a person failing to respect the National Anthem

Law n° 19/2008 of 14/07/2008 on characteristics and ceremonies of the National Anthem is complemented by Article 7 ter worded as follows:

« Article 7 ter: Penalties to a person failing to respect the National Anthem »

Any person failing to respect the National Anthem shall be punished in accordance with the Penal Code.”

Article 6: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 7: Repealing provision

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

Article 8: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 5: Peines pour une personne ne respectant pas l'Hymne National

La Loi n° 19/2008 du 14/07/2008 portant caractéristiques et cérémonial de l'Hymne National est complétée par l'article 7 ter libellé comme suit :

« Article 7 ter: Peines pour une personne ne respectant pas l'Hymne National »

Toute personne qui n'observe pas l'Hymne National est punie conformément aux dispositions du Code Pénal »

Article 6: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 7: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 8: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n° 10 of 11 March 2013

Kigali, kuwa **27/02/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya
Leta

Kigali, on **27/02/2013**

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **27/02/2013**

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux